Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa Muntu

P.O BOX. 269 Kigali, Rwanda - Hotline : 3430, +250 788304878
Email : cndh@rwanda1.rw or cndp@cndp.org.rw
Twitter: HumanRightsRW
Site Internet : http://www.cndp.org.rw

UBUTUMWA BWA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MURI IKI GIHE CYO KWIBUKA, KU NSHURO YA 26 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA W'1994.

Muri iki gihe twibuka, ku nshuro ya 26, Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yifatanyije n'Abanyarwanda bose, ndetse n'isi yose, mu kwibuka ababyeyi bacu, abana bacu, abavandimwe, inshuti n' Abanyarwanda bose bazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Komisiyo, ishingiye ku nshingano yayo yo Guteza imbere no Kurengera Uburenganzira bwa Muntu, irasaba buri Munyarwanda na buri Muturarwanda, kubaha agaciro ntagereranywa ka Muntu, kumva ko twese dufite inshingano yo kurwanya no gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo mu muryango nyarwanda, kumva ko buri wese afite inshingano yo kwishakamo imbaraga zituma twiyubaka kandi tukabumbatira ibyiza tumaze kugeraho, tunirinda ivangura iryo ari ryo ryose mu Banyarwanda.

By'umwihariko, muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 26 Jenoside yakorewe Abatutsi, Komisiyo irakangurira buri Muntu wese ibikurikira :

- Gufata mu mugongo abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, babatera ingabo mu bitugu mu rugendo rwo kwiyubaka mu mutima no mu bikorwa;
- Kuguma mu rugo bagakurikirana gahunda zihariye zateganyijwe muri iki cyumweru cy'icyunamo n'ibiganiro bizanyuzwa mu Itangazamakuru : kuri Radio, Televiziyo no ku mbuga nkoranyambaga. Izo gahunda zidufasha kurushaho kumenya neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, bikatwubakamo ubushobozi bwo guharanira ko itazongera kubaho ukundi mu Gihugu cyacu.

Ku bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yifatanyije na bo muri ibi bihe bikomeye, ari na ko ibashishikariza gukomeza kwibuka biyubaka, ntibaheranwe n'agahinda.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ntizatezuka ku nshingano yayo yo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa Muntu, bityo inkunga yayo ikomeze gufasha abanyarwanda kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, ku buryo nta Jenoside yakwongera kubaho mu Gihugu cyacu.

Twibuke twiyubaka, kandi tugira uruhare rugaragara mu kurengera uburenganzira bwacu n’ubw’abandi ku buzima, twubahiriza Ingamba zashyizweho mu rwego rwo kwirinda no gukumira « icyorezo cya COVID – 19 ».

Bikorewe i Kigali, ku wa 07/04/ 2020

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu